REPUBULIKA Y'U RWANDA

KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

# ITANGAZO

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye amatora yo gusimbura Umujyanama utakiri mu mwanya mu Karere ka **RUBAVU,**

Kwakira kandidatire ni guhera **tariki ya 20/05 kugeza kuya 09/06/2023.**

**Ushaka gutanga kandidatire** ku mwanya w'Ubujyanama ku rwego rw'Akarere **agomba kuba :**
1° ari Umunyarwanda;
2° afite nibura imyaka makumyabiri n'umwe (21) y'amavuko;
3° adafite imiziro iteganywa n'Itegeko Ngenga rigenga amatora
**Ibaruwa itanga kandidatire yandikirwa Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ikubiyemo ibi bikurikira**:
1° amazina y'Umukandida;
2° igihe n'aho yavukiye;
3° umurimo akora n'aho aba;
4° umwanya yiyamamariza.
**Iherekezwa na** :
1° fotokopi y'ikarita ndangamuntu cyangwa ikiyisimbura;
2° fotokopi y'impamyabumenyi iriho umukono wa Noteri;
3° amafoto abiri (2) magufi y'amabara;
4° icyemezo kigaragaza ko atafunzwe cyangwa yafunzwe, kitarengeje amezi atandatu (6)
5° Umwirondoro we wuzuye (CV)
6° Inyandiko yashyizeho umukono ihamya ko ibyangombwa yatanze bihuje n'ukuri

**ICYITONDERWA** : Kandidatire zitangwa mu buryo bw'ikoranabuhanga (online) kuri E-mail ikurikira: kandidatire2023@nec.gov.rw cyangwa ku biro bya Komisisyo y'Igihugu y'Amatora ku Karere ka Rubavu

Bikorewe i Kigali, kuwa 19/05/2023

**MUNYANEZA Charles**
Umunyamabanga Nshingwabikorwa
wa Komisiyo y 'Igihugu y'Amatora